



# ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI NO KURENGERA IBIDUKIKIJE MU RWANDA (DGPR - GREEN PARTY)

## GAHUNDA POLITIKI 2024-2029

*“Ubumwe, Ubwisanzure na Demokarasi”*

Iyi ni gahunda politiki y’ishyaka izagenderwaho mu gihe cy’imyaka itanu. Izifashishwa mu kwamamaza umukandida w’ishyaka ku mwanya wa Perezida wa Repubulika y’u Rwanda no kwamamaza abakandida Depite b’ishyaka.

### 1. UBUTABERA N’IYUBAHIRIZWA RY’UBURENGANZIRA BWA MUNTU

#### UKO BIMEZE UBU

Mu butabera n’iyubahirizwa ry’uburenganzira bwa muntu hari byinshi bikenewe gukorwa kugirango tugire igihugu gikomeza kugendera ku mategeko kandi cyubahiriza amasezerano mpuzamahanga arengera uburenganzira bwa muntu.

#### **Ikibazo cya 1:**

Nanubu hari abantu bafunzwe nta madosiye, abantu bafungiwe mu bigo ngororamuco binyuzwamo abantu by’igihe gito “Transit Centers” aho bafungira abantu batandukanye mu buryo bunyuranyije n’amategeko kandi bakahamara igihe kirekire nta madosiye abafunga, bamwe bakitwa inzererezi ndetse n’imiryango yabo ntimenyeshwe aho baherereye.

#### **Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho itegeko rivanaho ahantu hafungirwa abantu hatemewe n’amategeko. Abakekwaho ibyaha bajye bashyikirizwa ubugenzacyaha “RIB”.

#### **Ikibazo cya 2:**

Haracyari ikibazo cy’imirire mibi mu magororero. Ibi bigatera indwara zitandukanye. Urugero: bwaki, igifu, igwingira, inzoka, etc.

#### **Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho gahunda yo kugaburira abagororwa indyo yuzuye kandi bakabona amafunguro atandukanye.

#### **Ikibazo cya 3:**

Haracyagaragara igifungo cy’agateganyo cy’iminsi 30 itarangira, gihora cyongerwa umuntu ataburanishwa mu mizi. Ibi bibangamira uburenganzira bwa muntu, umuryango n’ubukungu

bw'igihugu. Hari kandi ikibazo cy'abantu bafungwa iminsi 30 y'agategenyo kandi bafite ibyaha byoroheje usanga byagakemukiye mu bunzi cyangwa mu miryango babarizwamo.

Haracyari n'ikibazo cy'ubucucike mu magororero y'u Rwanda, gitera abafungwa kubaho nabi no kubura uburenganzira bw'ibanze bemererwa n'amategeko.

**Icyo tuzakora:**

Tuzongerera ubushobozi urwego rw'ubugenzacyaha n'ubushinjacyaha, kugirango ukekwa icyaha dosiye ye izajye iva mu bugenzacyaha no mu bushinjacyaha yuzuye. Niba nta bimenyetso bifatika bihari arekurwe.

Ku bafite ibyaha bito bazajye bahabwa ibihano nsimburagifungo cyangwa bacibwe ihazabu. Tuzakuraho igifungo cy'iminsi 30 y'agategenyo.

Tuzakomeza gushyiraho gahunda yo gufungura abagororwa bageze mu zabukuru n'abandi bafite indwara zidakira kugirango tugabanye ikibazo cy'ubucucike mu magororero. Hazajya hakorwa ibarura n'ijonjora bitewe nuko bitwaye mu gihano bakatiwe kandi bakaba baramaze kwicuza icyaha, barekurwa by'agateganyo bakarangiriza mu miryango yabo igihano gisubitse.

**Ikibazo cya 4:**

Hari ikibazo cy'abacamanza bake, umucamanza umwe aca urubanza wenyine. Ibi nabyo biteye impungenge kuko umuntu umwe ashobora gutanga ubutabera butanoze kubera ko ashobora gukoresha amarangamutima hakazamo n'ibishuko bya ruswa. Ubukeye bw'abacamanza butinza guhabwa ubutabera kubera imanza zitinda.

Hari kandi n'ikibazo cy'umubare muke w'abashinjacyaha, bituma habaho gutinda kugeza amadosiye mu nkiko cyangwa hakazanwa dosiye zitujye ibimenyetso.

**Icyo tuzakora:**

Tuzanashyiraho ikigo cyigisha amategeko hifashishijwe iyakure (Law Distance Learning Institute) ifite n'amashami hirya nohino mu gihugu.

Tuzorohera uburyo bwo kwishyura abashaka kwiga amategeko, dushyiraho ikigega kizajya kibafasha (Law Scholarship Fund). Tuzongerera umushahara abakora mu nzego z'ubutabera.

**Ikibazo cya 5:**

Hari ikibazo cyuko nta rukiko rushinzwe kurinda iremezo ry'Itegekonshinga n'iyubahirizwa ry'amahame remezo yaryo. Hakenewe nanone ko urwo rukiko rumenya ko amategeko yose akorwa yubahiriza itegekonshinga n'amasezerano mpuzamahanga.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho urukiko rushinzwe kurinda iremezo ry'itegeko nshinga ruzanaburanisha imanza zijyanye no kutubahiriza amahame remezo y'Itegekonshinga n'amategeko mpuzamahanga.

**Ikibazo cya 6:**

Mu bugenzacyaha no mu bushinjacyaha, kugeza ubu haracyagaragara abantu bafungwa bakarenza iminsi iteganyijwe n'amategeko hakorwa iperereza rigatinda cyane ku buryo bibangamira uburenganzira bwa muntu n'ubutabera ( Justice delayed is Justice denied).

Haracyari n'ikibazo cy'abantu bafungwa hanyuma bakazaba abere ntibahabwe indishyi z'akababaro z'igihe bamaze bafungiwe ubusa cyangwa ntibasubizwe mu kazi, igihe bari basanzwe ari abakozi.

**Icyo tuzakora:**

Tuzaharanira ko u Rwanda ruba igihugu cyubahiriza amategeko, uburenganzira bwa muntu, kwishyira ukizana, amategeko mpuzamahanga ndetse no kugira ubutabera busesuye kuri bese.

Tuzashyiraho ikigega gitanga indishyi z'akababaro ku bantu bafunzwe bagafungurwa ari abere batiriwe bajya kubiregera n'abafunzwe iminsi irenze mirongo itatu y'agateganyo bataburanishwa (Justice Compensation Fund).

**Ikibazo cya 7:**

Kuba na nubu hari abantu baburirwa irengero ntibikurikiranwe kubera ko Leta itaremeza burundu amasezerano mpuzamahanga akumira iburirwa rengero ry'agahato (ratification of convention on enforced disappearance).

**Icyo tuzakora:**

Tuzemeza burundu amasezerano mpuzamahanga agendanye no gukumira iburirwa rengero ry'agahato. Tuzashyiraho ingamba na gahunda zo kuyubahiriza.

**2. DEMOKARASI N'IMIYOBORERE MYIZA****UKO BIMEZE UBU**

Haracyagaragara ibikorwa bitandukanye bibangamiye demokarasi n'imiyoborere myiza y'abaturage hirya no hino mu gihugu:

**Ikibazo cya 1:**

Haracyariho ikibazo cy'imyanzuro n'ibyemezo bifatirwa abaturage bibatunguye batabigizemo uruhare.

**Icyo Tuzakora:**

Tuzashyiraho politiki ishyigikira umuco w'ibiganiro-mpaka kuri gahunda za leta zose, ku buryo abaturage bazijyaho impaka mbere yo kwemezwa.

Tuzashyiraho uburyo bw'ikoranabuhanga, aho abaturage bandikamo ibitekerezo birebana n'iterambere n'imibereho myiza ku buryo ibitekerezo nibigera kuri magana atanu (500) guverinoma igomba kubishakira ibisubizo.

Tuzashyiraho Politiki yo kwigisha no gushishikariza abaturage kumenya amategeko, uburenganzira bwabo no ku buharanira.

**Ikibazo cya 2:**

Haracyari ibigomba kuvugururwa mu itegeko rishyiraho komisiyo y'igihugu y'amatora. Hari ibicyenewe kwitabwaho bijyanye n'imitegurire n'imikorere y'amatora kubera iracyashingiye ku buryo bwo gukoresha impapuro kandi hakenewe gukoresha uburyo bugezweho bw'ikoranabuhanga.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho uburyo bwo gutora hakoreshejwe ikoranabuhanga (Electronic Voting), ariko byunganirana n'uburyo bw'impapuro kugirango amatora abe akozwe mu mucyo no mu bwisanzure (Free and Fair Elections).

Tuzashyiraho itegeko rigena imikorere ya Komisiyo y'amatora aho buri mutwe wa politiki wemewe n'amategeko uzaba ufite uwuhagarariye muba Komiseri bagize Komisiyo y'amatora ndetse no muri buri rwego rwa Komisiyo y'igihugu y'amatora.

Tuzashyiraho itegeko ryemerera abanyamakuru gutangaza ibyo babonye mu ibarura kuri site z'amatora, ndetse rihesha abahagarariye abakandida cyangwa imitwe ya politike kopi zabaruriweho amajwi, kandi ritegeka kumanika kopi zabaruriweho amajwi kuri site y'itora kugirango bimenyeshwe abaturage bose.

Tuzashyiraho itegeko rigabanya ijanisha ryo kwinjira mu Nteko Ishingamategeko, Umutwe w'abadepite ku mitwe ya politiki riva kuri gatanu ku ijana (5%) rigere kuri gatatu ku ijana (3%) ndetse na kabiri ku ijana (2%) ku mukandida wigenga.

Tuzashyiraho itegeko rigena umubare w'abagize Inteko Nshingamategeko Umutwe w'abadepite ku buryo umudepite umwe azajya ahagararira abaturage ibihumbi ijana (100,000).

**Ikibazo 3:**

Haracyari ikibazo cy'imikoranire y'inzeho. Ibi bituma abaturage badahabwa serivise zinoze, ibibazo by'abaturage ntibikemurwe vuba.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho gahunda ihamye ishishikariza abayobozi gutanga uburenganzira bungana ku baturage. Ibyo bizatuma bafatwa neza kandi ku buryo bungana.

Urwego rw'Umuvunyi rukeneye kongererwa ubushobozi mu gukemura ibibazo by'abaturage ndetse no kunoza imikoranire y'inzeho mu bijyanye no gutanga serivise z'abaturage.

Tuzavugurura itegeko rishyiraho urwego rw'umuvunyi ku buryo ruzaba rugizwe n'abakomiseri baturuka mu mitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda.

**Ikibazo cya 4:**

Haracyari ikibazo cyo kudakurikiza ibikubiye mu mahame-remezo y'Itegeko Nshinga rya Repubulika yu Rwanda mu gusaranganya ubutegetsi.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho uburyo bunoze bwo gushyira mu bikorwa isaranganywa ry'ubutegetsi mu nzego no mu bigo bya Leta hashingiwe ku mahame-remezo ari mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane irijyanye no gusaranganya ubutegetsi nta bwikanyize.

**Ikibazo cya 5:**

Haracyariho icyuho ku ruhare rw'abaturage mu gutanga ibitekerezo byavamo imishinga y'amategeko yagezwa mu Nteko ishingamategeko.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho ikigo gishinzwe kwakira ibitekerezo by'imishinga y'amategeko biturutse mu baturage n'imiryango itegamiye kuri Leta. Iki kigo kikazajya gikorana n'Inteko ishingamategeko umutwe w'abadepite, hakazashyirwaho urubuga rwa Internet rutangaza ibyo bitekerezo byavuye mu baturage. Ibyo bitekerezo bikanatorerwa kuri internet, byagera ku bantu igihumbi (1000), Inteko ishingamategeko ikabyigaho, igashyiraho umushinga w'itegeko.

**Ikibazo cya 6:**

Hari gahunda za Leta n'ibyemezo bifatirwa abaturage bitunguranye hatabayeho kubateguza no kubagisha inama kugirango bagire uruhare mu bibakorerwa.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho politiki y'imiyoborere ihamye yo kumenyesha abaturage ibigiye kubakorerwa ndetse no kubagisha inama mbere yo gufata ibyemezo.

**Ikibazo cya 7:**

Haracyariho ikibazo cy'abakozi bake ku rwego rw'Akagali kandi hatangirwa serivisi nyinshi nk'urwego rwegerereye abaturage.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho gahunda ihamye ihesha Utugali ubushobozi, ku buryo Akagali kazaba gafite abakozi bahagije, harimo: ushinzwe ubuhinzi, ubworozi, ubucuruzi n'umurimo....

**Ikibazo cya 8:**

Haracyariho ikibazo cy'abaturage bahutazwa mu buryo butandukanye nko kwimurwa mu mitungo yabo nta ngurane ikwiriye bahawe, ntahandi babateganyirije bajyanwa habanogeye.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho ingamba zifatika zo kubahiriza itegeko rijyanye no guhabwa ingurane ikwiriye kandi igendanye n'ibiciro biri ku isoko no kuriha abantu bimuwe ku nyungu rusange (Expropriation). Ku buryo, igenagaciro ry'umutungo w'ugiye kwimurwa rishingirwaho mu kugena ingurane ikwiriye nk'uko amategeko abiteganyaga.

**Ikibazo cya 9:**

Hari ikibazo cy'abayobozi bashora Leta mu manza bikayiteza igihombo kubera kutubahiriza amategeko y'imicungire y'abakozi n'imari bya Leta. Mu bitera iki gihombo, harimo kwirukana abakozi mu buryo bunyuranyije n'amategeko, imicungire mibi y'abakozi, kutishyurira ku gihe ba rwiyemezamirimo n'ibindi.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho ingamba na gahunda zihoraho zo kwigisha no gukangurira abayobozi kubahiriza amategeko agenga abakozi ba Leta n'abigenga.

**Ikibazo cya 10:**

Hari ikibazo cy'abayobozi b'inze z'ibanze batorwa biyamamaje kugiti cyabo bikarangira bahindutse abayobozi b'umutwe wa politike. Ibi bitera urujijo kuberako baba batowe n'abaturage bose, bagera mu mirimo yabo ugasanga barashyira imbere inyungu z'umutwe wa politike bahagarariye ndetse bakajya bitiranya abaturage bose ko bari muri uwo mutwe wa politike, abatawurimo bakaba babura uburenganzira bwabo mu guhabwa serivisi inoze nkuko bikwiye. Ibi bitera ikibazo cyo kuvanga inshingano z'umukozi ni nyungu z'umutwe wa politike (conflict of interest).

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho itegeko ribuzaza umuyobozi watowe kugiti cye kuba yahagararira umutwe wa politike ku rwego yatorewe, ariko ritamubuza kuba mu mutwe wa politike yifuza.

Tuzashyiraho itegeko rihindura uburyo umuyobozi w'Akarere atorwamo, azajye atorwa n'abaturage bose hashingiwe ku mitwe ya politike cyangwa nk'umukandida wigenga.

**3. UMUTEKANO, UBUSUGIRE BW'IGIHUGU N'UBUBANYI N'AMAHANGA****UKO BIMEZE UBU**

Nta mutekano, nta majyambere kuberako umutekano ari ingenzi mu miyoborere myiza y'igihugu. Ububanyi n'amahanga n'ingenzi mu guteza imbere ubukungu bw'igihugu, imibanire myiza, umutekano urambye ndetse no kurengera ibidukikije tunahangana n'imihindagurikire y'ikirere.

**Ikibazo cya 1:**

Kuba nta Nama nkuru y'Igihugu y'umutekano ihari ihuza inzego z'umutekano n'izubuyobozi za "gisivile" (National Security Council-Conseil/National de Sécurité).

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho itegeko rishyiraho Inama nkuru y'igihugu y'umutekano (National Security Council/Conseil National de Sécurité). Uru rwego rukazafasha inzego z'ubuyobozi za gisivile n'inzego z'umutekano gufatanya mu gukemura no gukumira ibibazo by'umutekano n'abasivile babigizemo uruhare. Ibi kandi bizafasha mu kongera imibanire n'imikoranire myiza y'inzego z'umutekano n'izubuyobozi bwa gisivile (civil-military relations).

**Ikibazo cya 2:**

Kuba hakiri ubushotoranyi ku mipaka y'u Rwanda ndetse n'abashaka guhungabanya umutekano w'igihugu. Ibi bibangamira imibanire myiza hagati y'u Rwanda n'ibihugu biri mu karere, imiryango y'ubukungu ndetse n'andi mahanga.

**Icyo tuzakora:**

Tuzakomeza gushimangira ubudahangarwa bw'igihugu cyacu dukemura amakimbirane mu buryo bw'amahoro, ariko twemera ko igihe u Rwanda rwatewe rugomba kwitabara. Turengera ubusugire bw'igihugu kandi hakoreshejwe ingufu zose zishoboka.

Tuzashyiraho uburyo buhambaye bwo gukaza umutekano ku mbibi z'u Rwanda hakoreshejwe ikoranabuhanga rigezweho n'inzobere mu by'umutekano n'ubwirinzi, tunashaka ibikoresho bigezweho.

Tuzashyiraho politike n'ingamba zinoze ziteza imbere umubano mwiza, ubuhahirane, ubukungu, gukemura ibibazo mpuzamahanga nk'ibijyanye n'imihindagurikire y'ikirere.

Tuzongera imbaraga mu guteza imbere umubano mwiza hagati y'u Rwanda n'amahanga duherewe ku bihugu duturanye kugira ngo ibitubuza gusabana no guhahirana bivanweho.

Politiki y'ububanyi n'amahanga izashingira k'umuco w'ibiganiro n'amahoro (Dialogue and Peace) n'imibanire myiza n'ibihugu duturanye ndetse n'imiryango y'ubukungu mu karere duherereyemo kandi tuzashyigikira amasezerano ateza imbere imikoranire myiza y'u Rwanda n'imiryango mpuzamahanga.

Tuzashyigikira imikoranire myiza n'imiryango mpuzamahanga iharanira uburenganzira bwa muntu, ariko itivanga mu miyoborere y'igihugu.

Tuzaharanira ko Africa n'ibindi bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere bigira intebe ihoraho mu nama nkuru y'umutekano y'umuryango w'abibumbye (UN Security Council).

**Ikibazo cya 3:**

Haracyariho ikibazo cy'ubuke bw'abapolisi ku rwego rw'inzego zibanze.

**Icyo tuzakora:**

Hazongerwa abapolisi ku rwego rw'inzego zibanze mu rwego rwo kurushaho kubungabunga umutekano w'abantu n'ibyabo.

**Ikibazo cya 4:**

Haracyagaragara ikibazo cy'umushahara udahagije ku bashinzwe kurinda umutekano w'igihugu (abasirikare, abapolisi n'abandi).

**Icyo tuzakora:**

Tuzazamura ingengo y'imari ku bijyanye n'inzego z'umutekano tunongere umushara w'abazigize ndetse tunabashakire amacumbi ajyanye n'igihe n'ibindi byabafasha kugira imibereho myiza mu kazi kabo.

**Ikibazo cya 5:**

Haracyari ikibazo cyo kutabona umusaruro uhagije uva mu miryango mpuzamahanga u Rwanda rubarizwamo.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyigikira politiki izafasha abaturage kubyaza umusaruro imiryango mpuzamahanga duherereyemo ndetse tugire uruhare rukomeye mu gushyiraho indi miryango y'ubuhahirane.

Tuzashyigikira ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba ziri mu masezerano ku rwego rw'ibihugu by'ubumwe bw'afrika (AU), na Afrika y'uburasirazuba (EAC) mu birebana n'igabanya ry'ubukene, kubaka demokarasi, kubungabunga ibidukikije no guteza imbere imibereho myiza y'abaturage.

Tuzashyigikira amasezerano avanaho inzitizi z'ubucuruzi mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere ku buryo politiki y'ubucuruzi y'ibyo bihugu iba ishingiyeye ku bwubahane.

Tuzashimangira imikoranywe n'ubufatanye hagati y'u Rwanda n'ibihugu binyuranye hagamijwe guteza imbere ubukungu bwacu no gukemura ibibazo bitandukanye ( Strategic Partnerships).

**4. UBUKUNGU****UKO BIMEZE UBU**

Ubukungu bw'igihugu bwazahajwe cyane na covid 19, intambara yo muri Ukraine n'Uburusiya, umutekano muke n'amakimbirane mu karere, ihindagurika ry'ikirere. Ibi byose byakomeje guteza izamuka ry'ibiciro ku isoko, ibura ry'amadovize yo gutumiza ibintu mu mahanga, ibura ry'akazi, idindira ry'ubucuruzi n'ubuhinzi n'ubworozi ndetse bizamura kwiyongera k'ubukene bukabije mu Banyarwanda.

**Ikibazo cya 1:**

Politiki y'imisoro mu Rwanda iracyagaragaramo ibibazo by'umwihariko birimo ubwiyongere bw'imisoro mu bucuruzi, ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi, ibyinjira mu gihugu, umusoro nyongeragaciro (TVA-18%) n'ibindi.

**Icyo Tuzakora:**

Tuzashyiraho politiki igabanya imisoro, yongera umubare w'abasora badahunga gusoreshwa, ituma abantu bakunda gusora kuberako imisoro izaba itabavuna.

Tuzagabanya umusoro nyongeragaciro (TVA) uve kuri cumi n'umunani ku ijana (18%) ugere kuri cumi na kane ku ijana (14%).

**Ikibazo cya 2:**

Haracyagaragara ikibazo cyo kutabyaza umusaruro no kongerera agaciro umutungo kamere w'igihugu mbere yuko woherezwa mu mahanga. Nanone kugeza ubu ntituramenya neza ubwinshi n'ubwoko bw'amabuye yagaciro dufite mu butaka.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho ingamba zinoze zo gusaranganya umutungo w'igihugu, kugabanya ubukene bukabije no kongerera ubumenyi abenegihugu.

Tuzakora ubushakashatsi bwimbitse kugirango hagaragazwe uko umutungo kamere ungana naho uherereye. Urugero: amabuye y'agaciro atandukanye kugirango bibyazwe umusaruro.

**Ikibazo cya 3:**

Mu mitangire ya serivisi haracyarimo ikibazo cy'ubumenyi n'ubushobozi bidahagije mu gukora no gutanga izo serivisi cyane mu bikorera kugiti cyabo.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho gahunda yo kongerera ubumenyi n'ubushobozi abakozi bo mu nzego z'abikorera no gushimira abakora neza.

**Ikibazo cya 4:**

Haracyagaragara izamuka rikabije ry'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli. Kandi haragaragara ikibazo cy'ubuke n'ubushobozi bw'inganda zitunganya ibyo abaturarwanda bakenera. Nanone hari izamuka rya hatu na hatu kubiciro by'ibiribwa mu gihugu.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho politiki yorohereza abashinga inganda zitunganya ibikenerwa mu gihugu hagamijwe kongerera agaciro ibikomoka mugihugu no hanze yacyo; kugirango hazamurwe ubwinshi bw'ibikenerwa n'abatuye mu gihugu.

Tuzazamura umusaruro w'imbere mu gihugu kandi tunateza imbere ubuhahirane n'amahanga, duherereye ku bihugu duturanye hagamijwe kugabanya izamuka ry'ibiciro.

Tuzateza imbere ubucuruzi ku rwego mpuzamahanga tugamije kongera ubukungu bw'igihugu cyacu, hakurwaho imisoro ku biribwa byinjira mu gihugu.

**Ikibazo cya 5:**

Hariho ikibazo cy'abantu n'ibigo bimwe byiharira amasoko mu gihugu.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho politiki n'ingamba zinoze zikuraho kwiharira amasoko, duteze imbere gusaranganya amasoko hagendewe ku bushobozi.

**Ikibazo cya 6:**

Haracyagaragara ibiciro bihanitse ku mashanyarazi n'amazi bibangamiye iterambere ry'ubukungu bw'abaturage. Iki kibazo kikaba kijyanye n'ibikorwa remezo by'amazi n'umuriro bigezwa ku baturage, ariko ugasanga bidatanga serivisi ku bagenerwabikorwa.

**Icyo tuzakora:**

Tuzongera ibikorwa remezo by'amashanyarazi n'amazi hibandwa cyane ku ngufu zisubira nk'imirasire y'izuba n'ibindi, ibi bizafasha kugabanya ibiciro bihanitse ari ku baturage, inganda, amavuriro, amashuri n'ahandi.

**Ikibazo cya 7:**

Hari ikibazo cy'inyungu ihanitse kunguzanyo zitangwa n'ibigo by'imari (Banki) bidindiza ishoramari bikanateza cyamunara nyinshi n'ibihombo bikabije mu baturage.

**Icyo tuzakora:**

Tuzagabanya inyungu kunguzanyo zitangwa n'ibigo by'imari (Banks) ku buryo inyungu itarenga 12%, ibi bikaba bizafasha mukugabanya za cyamunara zimaze kuba nyinshi kandi ziteza ibihombo bikabije mu baturage

**Ikibazo cya 8:**

Haracyagaragara ubuke bw'ibihingwa ngengabukungu tukaba tukibanda cyane ku buhinzi bw'ikawa n'icyayi.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho gahunda yo kongera ibihingwa ngengabukungu bijyanye n'imiterere y'igihugu.

## **5. KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE NO GUFATA NEZA UBUTAKA**

### **UKO BIMEZE UBU**

Haracyari ikibazo cyo kutubahiriza amategeko, amabwiriza, gahunda n'ingamba bijyanye no gufata neza ubutaka, umusoro w' ubutaka nawo uracyari imbogamizi ku baturage, kubungabunga ibidukikije ndetse no guhangana n'imihindagurikire y'ikirere. Nanone,

amasezerano mpuzamahanga ajyanye no kurengera ibidukikije ntabwo yubahirizwa uko bikwiye. Hakaba hakigaragara ibibazo bikurikira bitera ingaruka mbi ku buzima bw'abantu n'imibereho myiza yabo:

**Ikibazo cya 1:**

Hari ikibazo cy'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bukorwa mu kajagari hamwe na hamwe mu gihugu. Ibyo bibangamiye ibidukikije kuko hari aho usanga bamena imicanga, ibyondo n'ibitaka byavuye aho bacukuye, ibyo bikagira ingaruka zirimo ibura ry'amazi n'ingufu z'amashanyarazi kubera gukama kw'ingomero zitanga amashanyarazi. Urugero ni urugomero rwubatswe kuri nyabarongo rwabuze amazi kubera isuri iterwa n'abacukura amabuye y'agaciro mu misozi irukikije muri Ngororero.

Hari kandi ikibazo cy'itangwa ry'ibyangombwa ku masosiyete y'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro adashoboye amwe namwe hatabaye ubushishozi bikaba ingaruka z'impfu n'indwara z'ibyorezo bya buri muni ku baturage bakora akazi mu birombe.

**Icyo tuzakora:**

Tuzasuzuma, tuvugurure itegeko rigena itangwa ry'ibyangombwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro. Igihe cyo kubitanga, habanze hakorwe igenzura riciye mu mucyo kugira ngo habeho gukurikiranira hafi no kwita ku mategeko agenga icukurwa rya kariyeri n'amabuye y'agaciro kugirango bitagira ingaruka ku misozi, ibishanga, n'imigezi.

Tuzashyiraho gahunda yo gukora amakarita mashya yerekana ahari amabuye y'agaciro n'ubwoko bw'amabuye buhaboneka kugira ngo abantu birinde gucukura mu kajagari.

**Ikibazo cya 2:**

Haracyari ikibazo cy'isuri, itakara ry'ubutaka bwera, igabanuka ry'ubuso bw'ibishanga, amashyamba n'ibindi. Hari nanone ikibazo cyo kwimura no gutuza abantu benshi muburyo butanoze (mass displacement and settlement). Haracyari kandi ikibazo cy'umusoro w'ubutaka kiremereye abaturage.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho gahunda n'ingamba zihanye zigena uburyo buboneye bwo gukoresha neza ibishanga. Bihingwemo imyaka itabyangiza, kubungabunga amashyamba, amaparike n'umutungo kamere muri rusange no gukangurira abaturarwanda kubahiriza amabwiriza agenga imikoreshereze yabyo byitabweho.

Tuzakuraho burundu umusoro w'ubutaka kuberako nubwo wagabanutse uracyari imbogamizi.

Tuzashyiraho uburyo bw'ikoranabuhanga, bwo kubungabunga ibidukikije n'urusobe rw'ibinyabuzima, tunashyireho uburyo bwo gutunganya ibishanga kugirango bitange umusaruro ushingiyeye k'ubukerarugendo (Ecological Tourism: Eco-Park).

Tuzashyiraho gahunda ihamye yo gutera ibiti bivangwa n'imyaka aho bahinga hose, ndetse n'ibyera imbuto ziribwa.

Tuzashyiraho gahunda yo gutera ibiti byera imbuto ziribwa mu mijyi mu rwego rwo gutaka no gusukura ubwiza bwayo.

**Ikibazo cya 3:**

Abaturage ntibarumva umumaro wo gufata neza amazi y'imvura, kandi ibiyaga, inzuzi n'ibishanga biragenda bikama kubera isuri n'imyanda yoherezwamo.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho ingamba zihamye zo gufata neza amazi y'imvura, kurwanya isuri, dukoresheje amaterasi yikora n'ayindinganire hanaterwe ibiti ahantu hose hahanamye. Ibi bizadufasha kubungabunga ibiyaga, inzuzi n'ibishanga.

**Ikibazo cya 4:**

Abenshi mu Banyarwanda ntibasobanukirwa umumaro wo kurengera ibidukikije, guhangana n'imihindagurikire y'ikirere no kubyaza umusaruro umutungo kamere ( izuba, amazi, ibimera).

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho uburyo bw'ikoranabuhanga bwo kumenya, kuburira no kumenyesha abantu mbere yuko ibiza bitera (disaster early warning system).

Tuzashyiraho gahunda n'ingamba zihamye zadufasha gukangurira abaturage umumaro wo kurengera ibidukikije no kurwanya ihindagurika ry'ikirere.

Tuzongerera ubushobozi n'uburyo ikigo gishinzwe iteganyagihe (METEO RWANDA) kugirango kizajye gitanga amakuru ku gihe kandi yizewe.

Tuzashyiraho gahunda ihamye yigisha abaturarwanda ubumenyi bugezweho bwo kubyaza umusaruro umutungo kamere urimo izuba, amazi n'ibimera.

**Ikibazo cya 5:**

Haracyaboneka ikibazo cy'itemwa ry'ibiti byo gucana cyane cyane mu bigo by'amashuri, gereza n'ahandi hahurira abantu benshi n'ibyoye kubakisha kandi hakaba nta bindi bicanwa bisimbura inkwi.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho ingamba zinoze zo gushaka ibisimbura ibicanwa bituruka mu biti (inkwi n'amakara). Dukoresha gaz ituruka mu myanda y'ibikomoka ku biribwa, amatungo ndetse n'ituruka mu misarani.

Tuzanashyiraho gahunda yo kugabanya ibiciro kubikoresho bikoresha ingufu zituruka ku mirasire y'izuba (Solar energy equipment). Tuzubaka uruganda rukora ibikoresho bikoresha ingufu zituruka ku mirasire y'izuba.

**Ikibazo cya 6:**

Haracyariho ikibazo cy'uko mu Rwanda nta rukiko rwihariye ruhari ruhana abangije ibidukikije. Ibyo, bigatuma habaho iyangizwa ry'ibidukikije.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho itegeko rishyiraho urukiko rushinzwe gukurikirana ibyaha bijyanye no kwangiza ibidukikije ndetse n'umutungo kamere muri rusange.

**Ikibazo cya 7:**

Haracyari ikibazo cyuko imijyi yo mu Rwanda nta buryo ifite butwara imyanda y'amazi n'iyimusarani yo mu mazu ahantu hamwe (Central Sewage System).

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho gahunda yo gukusanya imyanda yose y'amazi n'umusarane (liquid waste) ituruka mu ngo, mu nganda n'ahandi hahurira abantu benshi ikajyanwa ahantu hamwe ndetse ikanabyazwa umusaruro.

Tuzashyiraho uburyo bwo gukusanya imyanda isanzwe (solid waste) ituruka mungo, mu nganda n'ahandi hahurira abantu benshi ndetse dushyireho n'uburyo bwo kwishyura abavanguye neza ibibora n'ibitabora. Ibi byose bizadufasha gushyiraho uburyo bunoze mu mijyi yose bwo gukusanya no gutunganya imyanda igahurizwa ahantu hamwe (solid waste management System).

**Ikibazo cya 8:**

Kuba u Rwanda rwaremeje itegeko n'amasezerano mpuzamahanga ajyanye no kubaka ikigo cy'ingufu za kirimbuze (nuclear energy center) ndetse no gukoresha izo ngufu kandi bibangamiye ubuzima bw'abantu n'ibidukikije cyane kubera ari ingufu zitisubira ndetse n'umwanda uturuka mu ruganda ruzikora uba ufite ubumara bukabije kandi tudafite aho twawushyira mu buryo butangiza amazi ari muni y'ubutaka n'urusobe rw'ibanyabuzima.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho itegeko ribuzwa ikoresheya ry'ingufu za kirimbuze mu Rwanda (nuclear energy). Tuzongerera imbaraga mu guteza imbere ingufu z'isubira (renewable energy).

**Ikibazo cya 9:**

Hari ikibazo cy'imiturire itanoze. Aho usanga amazu yubakwa amara ubutaka kandi adakemura ikibazo cy'imiturire, bikaba byangiza ibidukikije ndetse ugasanga amazu menshi atwarwa n'imyuzure kubera ko amwe aba yubatswe ku misozi ihanamye cyane no mu gishanga. Ibyo bikanahitana ubuzima bw'abantu n'ibyabo.

**Icyo tuzakora:**

Tuzavugurura politike y'imiturire mu midugudu kuburyo n'aho amazu azajya yubakwa aya ahagana hejuru kandi ari menshi.

Tuzashishikariza abaturage kubaka kubuso buto hagamijwe kubaka bajya hejuru cyane cyane mu mijyi kugirango abantu bagana imijyi bature neza ku buso buto bw'ubutaka ari benshi.

Tuzashyiraho gahunda ihamye y'imiturire itangiza ibidukikije ndetse ikanafata neza ubutaka n'ibishanga.

**Ikibazo cya 10:**

Haracyari ikibazo cyo kutubahiriza igishushanyombonera ku mikoreshereze y'ubutaka ku buryo ubutaka bwo guhinga bwabaye buke kubera ko bwahinduwe ubwo guturaho bikazatera ibura ry'ibiribwa ndetse no kwangirika kw'ibidukikije.

**Icyo uzakora:**

Tuzashyiraho ingamba zinoze zo kubahiriza igishushanyombonera ku mikoreshereze y'ubutaka mu buhinzi no mu miturire.

**Ikibazo cya 11:**

Hari ikibazo cy'inganda zisohora imyuka ihumanya ikirere zikanohereza imyanda mu bishanga no mu migezi.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho itegeko rigena uburyo bugezweho bwo kubaka inganda zibasha kugabanya no kuyungurura imyuka mibi izivamo ikarekurwa itakiri ikibazo kubidukikije ndetse rikanagena imyanda ituruka mu nganda uko yatunganwa.

**Ikibazo cya 12:**

Kuba kugeza ubu umujyi wa Kigali n'ahandi mu gihugu nta kimpoteri cyijyanye n'igihe gihari (landfill) bakaba bakirunda imyanda ahantu harangaye bikaba biteza indwara zitandukanye ndetse bikangiza n'ibidukikije. Nanone nta buryo buhari bwo kubyaza umusaruro imyanda iri muri ibyo bimpoteri.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho gahunda ihamye ijyanye no kurengera ibidukikije yo gukusanya imyanda mu buryo bugezweho ishyirwa mu bimpoteri bijyanye n'igihe (modern landfill). Iyo myanda izabyazwa umusaruro hakorwamo ingufu z'amashanyarazi, gazi yo guteka, gazi itwara imodoka, ifumbire n'ibindi. Ibi bizanafasha kwirinda indwara zituruka ahamenwa imyanda

ndetse hirindwe no kwanduza amazi ari mu butaka, mu bishanga no kwangiza urusobe rw'ibinyabuzima.

## **6. UBUHINZI N'UBWOROZI**

### **UKO BIMEZE**

Ubuhinzi n'ubworozi ni inkingi ya mwamba ku bukungu bw'igihugu ku buryo bikorwa n'abagera kuri mirongo icyenda ku ijana (90%) by'abaturarwanda, ariko kugeza ubu bikaba bikorwa mu buryo butari ubwa kinyamwuga. Bikaba bitera igihugu kuba kitihagije mu biribwa ku buryo dutumiza hanze byinshi mu bidutunze, harimo: umuceri, ibigori, soya, imbuto n'ibindi. Hakaba hari ibibazo bitandukanye bikeneye gukemurwa.

### **Ikibazo cya 13:**

Kuba igihugu kitihagije mu biribwa (food insecurity) bikaba bizana gusozza ndetse rimwe na rimwe no gusuhuka imbere mu gihugu. Ibi bigateza n'izamuka ry'ibiciro ku isoko kandi bimwe mubyo turya biba bitujuje ubuziranenge.

Kuba hari icyuho mu kwigisha abahinzi n'aborozi, kutabagezaho inkunga bagenerwa, kudakorera mu mucyo kw'abayobozi bababa hafi. Hari n'ikibazo cy'urubyiruko rutiyumva mu mwuga w'ubuhinzi n'ubworozi, kugurisha imirama itujuje ubuziranenge no guhabwa imashini zuhira zitujuje ubuziranenge n'ibindi.

### **Ibyo tuzakora:**

Tuzashyiraho politike n'ingamba zo guteza imbere ubuhinzi bw'umwuga.

Tuzashyiraho uburyo bwo kongera umusaruro w'ibihingwa ngengabukungu na ngandurarugo. Bifashe kuzana amadovize mu gihugu ku kigero gishimishije hakoreshejwe uburyo bugezweho bwo kurengera ibidukikije no guhangana n'ibibazo biterwa n'imihindagurikire y'ikirere. Tuzahuza abahinzi babwo n'amasoko mpuzamahanga ndetse n'imiryango itanga ubuziranenge mpuzamahanga.

Tuzashyiraho inganda zitunganya ibikomoka k'umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi kuri buri Murenge. Ibyo bizanafasha kongera akazi cyane cyane ku rubyiruko (Agro-Processing Industries).

Tuzashishikariza abaturage uburyo bwihariye bwo gutera ibiti by'imbuto mu bindi bihingwa tugamije kongera umusaruro.

Tuzongera umubare w'ubuhunikiro n'ubwanikiro bw'imyaka n'imbuto n'imboga n'uburyo bwo kubihunika neza hakoreshe ikoranabuhanga rigezweho. Ibyo bizakorwa hagamijwe kongerera agaciro umusaruro muri buri karere.

Tuzashyiraho inganda zihagije zitunganya ibiryo by'amatungo n'amafi muri buri Karere. Tuzashyiraho uburyo bwo kwigisha abahinzi kwikorera ifumbire y'imborera.

Tuzashyiraho ikoranabuhanga ryihutisha kubonera ku gihe intanga n'imiti y'amatungo kandi dushyireho uburyo bwo kubibika; tuzongera amaturagiro y'inkoko zigezwe kuri benshi.

Tuzashyiraho centre zibika kandi zitubura imbuto z'indobanure hagendewe ku miterere y'ubutaka bwa buri Karere.

Tuzashyiraho gahunda ihamye yo kuhira imyaka ku misozi ndetse no mu bishanga kugira ngo bidufashe guhangana n'ikibazo cy'ibura ry'imvura mu bihe by'izuba.

Tuzashyiraho gahunda yo korohereza, ikanatera inkunga ibigo by'igenga bikora ubushakashatsi bw'ubuhinzi n'ubworozi.

Tuzashyiraho gahunda ihamye yo korora amatungo magufi kandi tugenere itungo rigufi buri rugo.

Mu kunoza gahunda y'ubuhinzi, tuzashyiraho itegeko rigena muri buri Kagari umukozi ushinzwe ubuhinzi n'ubworozi. Uyu akazajya asanga abaturage mu mirima yabo bakabaha inama mbonezamihingire n'ubworozi.

Tuzashyiraho ikigega cyihariye cyo gufasha no guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi gitanga inkunga n'inguzanyo ku nyungu ntoya itarenze kabiri ku ijana (2%). Iki kigega kikazajya kibishingira mu kubona inguzanyo muri za banki ziri imbere mu gihugu no hanze yacyo (Rwanda Agriculture Development Support Fund).

## **7. UBUREZI, UBUSHAKASHATSI N'IKORANABUHANGA**

### **UKO BIMEZE UBU**

Uburezi ni inkingi ya mwamba mu iterambere n'ubukungu by'igihugu, ariko haracyagaragara urusobe rw'ibibazo birimo ibi bikurikira:

#### **Ikibazo cya 1:**

Kuba hari ikibazo cy'ibigo by'amashuri bidafite inzu zikorerwamo ubushakashatsi (Laboratories). Ibikoresho by'imfashanyigisho bidahagije, amashanyarazi n'umubare w'ibyumba by'amashuri bidahagije, amacumbi y'abarimu adahagije n'abarimu badahagije kandi n'abahari bakeneye kongererwa ubumenyi buhagije mubyo bigisha.

#### **Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho Politike ihamye yo guteza imbere ireme ry'uburezi, twongera imbaraga m'ubushakashatsi ndetse n'imibereho myiza ya mwalimu harimo no kongera umushahara w'abalimu b'amashuri makuru na kaminuza.

Tuzashyiraho gahunda inoze ku buryo buri kigo cy'ishuli kiba gifite aho gikorera ubushakashatsi (laboratories) n'uburyo za laboratwari zakoresheka zisangiwe ku mashuri yegeranye.

Tuzashyiraho gahunda n'ingamba zigenda imyigire n'imyigishirize inoze ku buryo umunyeshuri n'umwalimu bamenyako gutsindwa ari igihombo gikomeye ku gihugu.

Tuzashyiraho gahunda yo kubonera abarimu amacumbi ahagije kandi yujuje ibisabwa byose.

Tuzakomeza gahunda yo kongerera abarimu bose ubumenyi mu byiciro bitandukanye, imishahahara n'ibindi bibagenerwa (salaries and benefits) ku buryo kwigisha byifuzwa n'abahanga mu gihugu kandi bikaba umwuga w'icyubahiro.

Tuzashyiraho ibigo by'ubushakashatsi (Research Centers) muri buri Karere bitewe n'imiterere ndetse nibikorera muri ako Karere.

### **Ikibazo cya 2:**

Kuba hariho ikibazo cy'ubuziranenge bw'ibiryo bigaburirwa abana ku mashuri kandi bidahagije, nta cyumba cyo gufatiramo amafunguro cyateganyijwe ndetse n'ikoreshwa ry'inkwi nyinshi.

### **Icyo tuzakora:**

Tuzashyira imbaraga muri gahunda yo kugaburira abana ku mashuri, bajye bahabwa indyo yuzuye kandi ihagije (ibitera imbaraga, ibyubaka umubiri n'ibirinda indwara).

Tuzongerera ingengo y'imari amashuri kugirango abanyeshuri babone aho barira hatari mu byumba by'amashuri bigiramo ndetse n'ibikoni n'ibikoresho bihagije (adequate materials and infrastructure).

Muri gahunda yo kugaburira abanyeshuri tuzashyira imbaraga mu gukoresha gazi ituruka mu bishingwe n'imyanda yo ku mashuri aho gukoresha inkwi n'amakara kubera ko byangiza ibidukikije n'ubuzima bw'abantu.

### **Ikibazo cya 3:**

Kuba hakiri ikibazo cy'impushya zo gutwara ibinyabiziga zitari iza burundu kandi zitwa iza burundu. Bikaba bisaba kuzongerera agaciro nyuma y'igihe cy'imyaka icumi (10 years) kandi izindi mpamyabumenyi (diplome/licence) zidasabwa kuzongerera igihe.

### **Icyo Tuzakora:**

Tuzashyiraho itegeko ryemerako uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga ruba urwa burundu kubera ko n'izindi mpamyabumenyi zitajya zitakaza agaciro.

Tuzashyira isomo ry'amategeko y'umuhanda mu nteganyanyigisho z'amashuri abanza, kugirango abantu bose bagire ubumenyi bw'ibanze ku mikoreshereze y'umuhanda.

#### **Ikibazo cya 4:**

Kuba amashuri yigisha imyuga adafite ibikoresho bihagije. Hari nanone abasoza amashuri y'imyuga n'ubumenyingingiro badafite igishoro cyabafasha kwiteza imbere no kwihangira umurimo.

#### **Icyo tuzakora:**

Amashuri yigisha iby'imyuga azatezwa imbere ku buryo ibikoresho byo kwigishirizaho abanyeshuri bihoraho kandi bigendanye n'igihe. Tuzashyiraho ingamba n'ikigega bizafasha abanyeshuri bize ibyimyuga babashe kwihangira umurimo (Polytechnic Entrepreneurship Fund).

#### **Ikibazo:**

Haracyari ikibazo cy'ururimi rw'Ikinyarwanda rusigazwa inyuma mu mashuri, mu mitangire ya service no mu nzego za leta. Na none usanga abarangije kwiga batabasha gukoresha neza izo ndimi z'amahanga.

#### **Icyo tuzakora:**

Tuzita cyane kuri gahunda yo kuringaniza agaciro ko kwigisha mu ndimi z'Igifaransa, icyongereza n'Ikinyarwanda ndetse n'andi masomo. Aho umunyeshuri urangije icyiciro cy'amashuri yisumbuye azaba azi neza kuvuga no kwandika izo ndimi. Bikazagerwaho bitewe na gahunda y'uburezi ihamyeye, idahindagurika kandi nziza.

Tuzashyiraho gahunda yo kuzamura imikoreshereze y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu mashuri abanza, ayisumbuye na kaminuza, mu nzego za Leta no mu bikorera kugiti cyabo. Impapuro zikoreshwa mu gihugu n'ibyapa bigomba gushyirwa mu ndimi zose ziri mu Itegekonshinga ndetse n'ibizamini by'akazi bitangwa buri wese yihitiremo ururimi yifuza gukoreramo.

Tuzashishikariza ababyeyi gufasha no gukurikirana uburezi bw'abana babo.

Tuzongera amashuri n'ibigo byigisha ubuhanzi, indirimbo n'imbyino gakondo, ubugeni n'ubukorikori by'umuco nyarwanda.

## **8. URWEGO RW'UBUVUZI**

### **UKO BIMEZE UBU**

Ubuwuzi bugezweho bugera kuri bose (*Universal Health Coverage*) ni inkingi nkuru mu iterambere ry'u Rwanda ariko buracyabangamirwa no kuba butagera kuri bose (*inaccessible*), butigonderwa na bose (*inaffordable*), butagezweho kandi budatangwa neza (*quality and efficient*) biturutse ku mpamvu nyinshi harimo abaganga n'abanyeshuri bajya ahandi (*high turnover rates*), abakozi bake (*workforce shortages*), akazi kenshi (*worker burnout and stress*). Haracyari amafaranga make bahembwa ugereranyije n'ibiciro ku isoko (*Financial*

*Pressures*), umwenda w'ishuri abaganga bafata (*school loan debt*) hamwe n'imitunganyirize y'akazi (*organization problems*)

**Ikibazo cya 1:**

Mu rwego rw'ubuzima haracyagaragaramo ibibazo bitandukanye birimo: ubuke bw'ibigo nderabuzima, ibitaro, ibikoresho bigezweho, abaganga, n'imiti idahagije.

**Icyo tuzakora:**

Tuzongerera ingengo y'imari urwego rw'ubuzima kugirango haboneke ibigo nderabuzima, ibitaro, ibikoresho bigezweho bihagije, imiti ihagije ndetse hiyongere n'umubare w'abaganga.

**Ikibazo cya 2:**

Ubwisungane mu kwivuza (*mutuelle de santé*) ntabwo bufasha abarwayi kubona imiti muri za farumasi zigenga kandi naho baba bivuriye iyo miti usanga ntayihari.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho uburyo buhamye butuma umurwayi ufite *mutuelle de sante* ashobora kugura imiti muri farumasi zigenga, akoresheje *mutuelle de sante*. Tuzongera ubwinshi bw'imiti itangwa mu bigo by'ubuvuzi hakoreshejwe *mutuelle de sante*.

**Ikibazo cya 3:**

Indwara zitandura (NCDs) n'izandura zikomeje guhitana abanyarwanda benshi kandi gahunda yo kuzirinda no kuzivura ntabwo inoze. Hari kandi ubwiyongere bw'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina (STDs) nka SIDA cyane mu rubyiruko nazo ziteje impungenge mu gihugu.

**Icyo tuzakora:**

Tuzanoza neza gahunda n'ingamba zo kwirinda no kuvura indwara zandura, izitandura n'izandurira mu mibonano mpuzabitsina.

**Ikibazo cya 4:**

Haracyari ikibazo cy'igwingira rikabije mu bana hirya no hino mu gihugu ndetse n'imirire mibi mu bakuru nayo itera indwara zitandukanye.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho gahunda n'ingamba zihamye zo kurwanya igwingira mu bana n'imirire mibi ku bantu bakuze hibandwa kubashishikariza kurya indyo yuzuye igizwe: ibyubaka umubiri, ibitera imbaraga n'ibirinda indwara.

**Ikibazo cya 5:**

Haracyagaragara ikibazo cy'ababyeyi bapfa babyara ndetse n'abana bapfa bavuka biterwa n'imikorere idahwitse y'abaganga.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho ingamba zinoze zo kurinda impfu z'ababyeyi bapfa babyara ndetse n'abana bapfa bavuka.

**Ikibazo cya 6:**

Haracyari ikibazo cy'umushahara utajyanye n'igihe w'abaganga, abaforomo, ababyaza n'abandi bakora muri serivisi zo kwa muganga.

**Icyo tuzakora:**

Tuzongerera umushahara w'abaganga, abaforomo, ababyaza n'abandi bakora muri serivisi zo kwa muganga.

Tuzanoza gahunda yo kubaha ibindi bibafasha mukazi no mu mibereho harimo uburyo bwo kuborohereza kubona imodoka bitewe n'ibyiciro bitandukanye barimo, kububakira amazu yo kubamo n'ibindi. Ibi bizafasha abaganga gukomeza gukunda akazi kabo no kutaguma hanze y'igihugu barangije kwiga.

**Ikibazo cya 7:**

Hari ikibazo cy'impamyabumenyi z'abaforomo, abaforomokazi n'ababyaza zasimbujwe impushya ( licences) zisorerwa buri mwaka.

**Icyo tuzakora:**

Tuzasubiza impamyabumenyi z'abaforomo, abaforomokazi n'ababyaza agaciro kazo gahoraho nta musoro zatswe kuko n'izindi mpamyabumenyi zose mu gihugu ntizisoreshwa cyangwa ba nyirazo ngo bakorehwe ibizamini usibye iby'akazi baba basabye.

**Ikibazo cya 8:**

Haracyari ikibazo cy'ubuke bw'ibigo by'ubushakashatsi mu rwego rw'ubuzima.

**Icyo tuzakora:**

Tuzateza imbere ubushakashatsi mu rwego rw'ubuvuzi dushyiraho amarushanwa n'ibihembo ku bahize abandi.

Tuzashyiraho uburyo buhoraho bwo kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi (Rwanda Medical Journal) izajya inyuzwamo ubwo bushakashatsi ndetse bikamenyekanishwa no ku rwego mpuzamahanga (International medical Journals).

**Ikibazo cya 9:**

Kuba nta somo rihari ryigisha amategeko agendanye n'ubuvuzi (Health Law Module) kubiga ibijyanye n'ubuvuzi mu icyiciro cya kabiri cya kaminuza (Medical School). No kuba nta shami riri mu cyiciro cya gatatu ryigisha amategeko ajyanye n'ubuvuzi muri za kaminuza (Post Graduate Studies in Health Law). Ibi bikagira ingaruka ku bakora umwuga w'ubuvuzi bakisanga batubahirije amategeko ajyanye n'umwuga wabo kubera batigeze bayiga, bikabaviramo guhanwa, gufungwa no kwirukanwa mu mwuga w'ubuvuzi.

**Icyo tuzakora:**

Mu guteza imbere politike y'ubuzima turinda n'ubusugire bw'abaganga tuzashyiraho ishami muri kaminuza ry'icyiciro cya gatatu ryigisha amategeko ajyanye n'umwuga w'ubuvuzi (Masters of Health Law/ Post Graduate Studies in Health Law). Nanone, mu mashuri yigisha ubuvuzi, icyiciro cya mbere n'icya kabiri bya kaminuza, tuzashyiraho isomo rijyanye n'amategeko y'ubuvuzi (Health Law Module/Program).

**9. UBUMWE N'UBWIYUNGE NO KURWANYA JENOSIDE****UKO BIMEZE UBU**

Ubumwe n'ubwiyunge bwashyirahwe na jenocide yakorewe abatutsi muri mata 1994 mu Rwanda. Hakozwe byinshi byo kunga abanyarwanda ariko nanone urugendo ruracyari rurerure:

**Ikibazo cya 1:**

Kuba hakiri bamwe mu banyarwanda bagifite ingengabitekerezo ya jenocide kandi bakaba babangamiye ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda, ni ikibazo kigihangayikishije igihugu.

**Icyo tuzakora:**

Tuzakomeza gusigasira gahunda ziteza imbere ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda. Tuzashyigikira politike irandura ingengabitekerezo ya jenocide, duteza imbere politike y'ubumwe n'ubwiyunye, ubworoherane n'ibiganiro biganisha ku mahoro arambye.

Tuzashyira imbaraga mu gushishikariza inzego zitandukanye n'amashyirahamwe kurwanya ingengabitekerezo ya jenocide. Hatangwa ibiganiro, hongerwa ibitabo by'amateka y'u Rwanda asobanutse byigisha uburere mboneragihugu.

**Ikibazo cya 2:**

Kuba nta kigeza gitanga indishyi kubasizwe iheruheru na jenocide yakorewe abatutsi muri mata 1994 mu Rwanda.

Hari kandi ikibazo cy'indishyi zitananzwe ku manza zaburanishijwe n'urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rw'u Rwanda ruri ARUSHA (ICTR) kuri jenocide yakorewe abatutsi muri Mata 1994 mu Rwanda.

**Icyo tuzakora:**

Tuzasaba umuryango w'abibumbye (UN), gushyiraho ikigega cy'indishyi z'akababaro ku Rwanda kubera Jenocide yakorewe abatutsi muri Mata 1994 (UN-Genocide Reparation Fund for Rwanda).

## **10. ITANGAZAMAKURU**

### **UKO BIMEZE UBU**

Itangazamakuru ni imwe mu nkingi za mwamba z'igihugu. Rifasha inzego z'ubuyobozi kugeza ubutumwa bwazo ku baturage ndetse n'abaturage gutanga ibitekerezo byabo. N'ubwo bimeze gutyo, itangazamakuru mu Rwanda rifite imbogamizi zijyanye n'amikoro make biribuza gushyira mu bikorwa inshinga zaryo.

#### **Ikibazo cya 1:**

Itangazamakuru ryigenga nta bushobozi buhagije rifite. Ibitangazamakuru byigenga bitandukanye bimaze gufunga imiryango bitewe n'icyo kibazo cy'ubushobozi bucye.

Haracyari kandi ikibazo cy'uko itangazamakuru rya Leta (RBA) ryiharira amasoko hafi ya yose ajyanye no kwamamaza. Ibi bigateza itangazamakuru ryigenga kubura amasoko ahagije yo kwamamaza bigakorera mu gihombo, ndetse bimwe bikaba byafunga imiryango kubera kubura amikoro.

#### **Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho itegeko riha ingengo y'imari yihariye ihoraho itangazamakuru rya Leta (RBA) idashingiye ku ngengo y'imari ya buri mwaka y'igihugu. Ikazaturuka ku musanzu utavunanye wa buri muturarwanda wese no ku bindi byayongerera. Ibi bikazafasha ko RBA iva mu bucuruzi bwo kwamamaza kugirango itangazamakuru ryigenga naryo ribone ubushobozi bw'amafaranga n'imikorere myiza kandi ijyanye n'igihe tugezemo.

Tuzashyiraho itegeko rigena ikigega gitera inkunga itangazamakuru ryigenga (Rwanda Media Development Fund) ku buryo cyabafasha kubona inguzanyo ku nyungu nkeya. Kikanabafasha mu kwiteza imbere.

#### **Ikibazo cya 2:**

Haracyari ikibazo cy'iminara idahagije ku buryo hari Abanyarwanda batumva amaradiyo atandukanye ndetse bamwe ntibanarebe za Televiziyo zikorera mu Rwanda.

#### **Icyo tuzakora:**

Tuzongera iminara hirya no hino mu gihugu kugirango buri Munyarwanda wese yumve amaradiyo atandukanye anarebe za Televiziyo zitandukanye z'imbere mu gihugu.

#### **Ikibazo cya 3:**

Kuba nta minisiteri y'itangazamakuru ihari kugirango ikurikirane by'umwihariko ibibazo by'itangazamakuru. Kuri ubu, itangazamakuru ribarizwa mu nzego nyinshi za Leta zitandukanye ku buryo ridafite uribereye ku isonga wihariye.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho minisiteri y'itangazamakuru kugirango izakurikirane by'umwihariko politike na gahunda zijyanye no guteza imbere itangazamakuru.

## **11. IBIKORWAREMEZO**

### **UKO BIMEZE UBU**

Haracyari ibikorwaremezo bidahagije cyane cyane mu mazi, amashanyarazi no mu bw'ikorezi. Imihanda myiza iracyari mike n'ibirometero byateganijwe kubakwamo kaburimbo ntibyagezweho. Amashanyarazi ntiyageze kuri bose nkuko byari byateganijwe (*universal electricity access*), bikaba imbogamizi mu iterambere ry'igihugu.

**Ikibazo cya 1:**

Hari ikibazo cy'amazi meza adahagije kandi adatumye neza ku buryo yanyobwa adatetse. Hirya no hino mu gihugu usanga imiyoboro y'amazi na mavomero (robine) bimaze igihe kirekire ntamazi aherukamo. Naho mu mijyi, haracyari isaranganwa ry'amazi ku buryo benshi bayabona rimwe mu cyumweru. Ibiciro by'amazi biri hejuru ku mashuri, amavuriro n'ahandi hahurira abantu benshi.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho ingengo y'imari ihagije yo gukwirakwiza amazi meza hirya no hino mu gihugu byafasha kugirango amazi azajye ahora aboneka mu mavomero rusange. Tuzashyiraho ibigeza bihagije bikusanya amazi hirya no hino mu gihugu kugira ngo umuturage abone amazi meza kandi adahenze ku buryo ashobora no kunyobwa adatetse.

Tuzavugurura ibiciro by'amazi muri rusange ariko cyane cyane mu bigo by'amashuri, amavuriro n'ahandi hahurira abantu benshi.

Tuzorohera abikorera ku giti cyabo gushora imari mu bikorwaremezo byo gukwirakwiza amazi. Tuzashyiraho n'uburyo bunoze bw'imikoranire hagati ya Leta n'abikorera ku giti cyabo (PPP).

**Ikibazo cya 2:**

Imihanda, amashanyarazi n'ibikorwa remezo bijyanye nabyo ntibihagije mu gihugu.

**Icyo tuzakora:**

Tuzongerera ibikorwa remezo by'amashanyarazi mu gihugu hose kandi bidahenze.

Tuzashyiraho gahunda irambye yo kongera imihanda myinshi kandi myiza ya kaburimbo ndetse n'iyigitaka itunganywe mu gihugu hose.

Tuzashyiraho politiki iteza imbere no gukwirakwiza ingufu z'amashanyarazi zisubira (renewable energy generation, transmission and distribution); harimo izikomoka ku mirasire y'izuba.

**Ikibazo cya 3:**

Haracyari ikibazo cy'amacumbi adahagije kandi naho ari arahenze.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho imikoranire inoze hagati ya Leta n'abikorera ku giti cyabo yo kubaka amazu ajya hejuru ku buso buto. Ibyo bikorwe mu midugudu hirya no hino mu gihugu ku buryo bikemura ikibazo cy'amacumbi adahagije ndeste n'ikoreshwa nabi ry'ubutaka.

**Ikibazo cya 4:**

Haracyari ikibazo cy'ibikorwaremezo by'itumanaho bidahagije. Iminara na interineti ibiciro byayo biracyari hejuru.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho ingamba na gahunda byo kongera ibikorwaremezo by'itumanaho, ibi bikazafasha mu kugabanya ibiciro bya interineti no kongera umubare w'abaturage bumva radiyo bakareba na televiziyo .

## **12. UBWIKOREZI**

### **UKO BIMEZE UBU**

Hari ishoramari ridahagije. Uruhare rw'abikorera ku giti cyabo mu bikorwaremezo by'ubwikorezi ruracyari ruto. Politike y'ubwikorezi iracyafite ingorane nyinshi cyane, harimo:

**Ikibazo cya 1:**

Kuba imihanda ya kaburimbo idahagije, n'ihari ikaba idakoze neza. Imihanda hafi ya yose ntabwo ifite inzira z'abanyamaguru n'amagare. Nanone, imihanda isanzwe y'ibitaka usanga idakoze neza, ntanzira zitwara amazi ifite kandi ari mito.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho ikigega gishinzwe guteza imbere ibikorwaremezo by'ubwikorezi. Icyo kigega kizaba gifite ingengo y'imari ihagije yo gusana no guhanga imihanda mishya yujuje ibisabwa ku rwego mpuzamahanga. Imihanda ifite inzira z'abanyamaguru n'izamagare. Ibi, birareba imihanda ya kaburimbo n'iyigitaka hirya no hino mu gihugu.

Tuzashyiraho ingamba n'uburyo bunoze bwo korohera abashoramari na ba rwiyemezamirimo bo mu gihugu bashaka gushora imari mu bwikorezi.

Tuzasana amateme n'ibiraro mu gihugu hose mu rwego rwo guteza imbere iterambere n'ubuhahirane mu turere.

Tuzubaka imihanda y'imodoka zigendera mu kirere, ihuza imisozi n'indi. Hagamijwe kugabanya umuvundo w'imodoka zigendera ku butaka no guteza imbere imihahiranire n'ubukerarugendo.

Tuzashyiraho inganda zikora imodoka zitangiza ikirere ndetse n'amagaraje azikora igihe zagize ibibazo.

**Ikibazo cya 2:**

Nta buryo buhagije bwo gutwara abantu n'ibintu mu mazi.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho Politiki yo guteza imbere ubwikorezi bwo mu mazi.

Tuzashyiraho ingamba zo gukwirakwiza amato mato n'amanini agezweho mu biyaga binini n'ibito mu Rwanda. Hashyirweho n'amashuri yo gutoza abatwara ubwato mu rwego rwo kugabanya impanuka zo mu mazi no kwihutisha iterambere ry'uwo mwuga abatwara ubwato bashyirirweho n'impushya zo kubutwara kandi ziri ku rwego mpuzamahanga.

**Ikibazo cya 3:**

Haracyari ikibazo cy'ubwikorezi gishingiye ku kuba nta gariyamoshi igera mu Rwanda.

**Icyo tuzakora:**

Tuzubaka imihanda ya gariyamoshi ihuza u Rwanda n'ibihugu duturanye ndetse n'imbere mu gihugu (railway na metro). Mu mijyi, tuzubaka imihanda ikoresha za "tram" ishamikiye ku mihanda isanzwe ihari (zimeze nka gariyamoshi ntoya kandi aho zica n'imodoka ishobora kuhaca). Bizafasha kugabanya umuvundo w'imodoka (trafic jum) no kugabanya ihumana ry'ikirere.

**Ikibazo cya 4:**

Hariho ikibazo cy'ubwishingizi bw'ibinyabiziga buhenze mu Rwanda.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho politiki igabanya ikiguzi cy'ubwishingizi bw'ibinyabiziga kuko bigaragarako kiri hejuru cyane.

**Ikibazo cya 5:**

Kuba tudafite ibibuga by'indege by'imbere mu gihugu biri ku rwego mpuzamahanga.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho gahunda yo kuvugurura no kongerera ubushobozi ibibuga by'indege ku rwego rw'intara n'ibihari bigere ku rwego mpuzamahanga.

### **13. UBUCURUZI**

#### **UKO BIMEZE UBU:**

Hari ingorane zinyuranye zibangamira ubucuruzi n'iterambere ryabwo zimwe zituruka kuri politiki n'imiterere y'igihugu izindi zituruka hanze yacyo.

#### **Ikibazo cya 1:**

Haracyari ibibazo binyuranye mu bucuruzi bituruka mu kutabona igishoro gihagije (access to capital), inguzanyo zihenze, ibiciro biri hejuru ku mashyanyarazi n'amazi, ubuke bw'abakozi bafite ubumenyi buhagije, imisoro iri hejuru, ikiguzi cy'ubwikorezi bitewe nuko tudakora ku nyanja n'ibindi.

#### **Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho politiki ifasha amabanki y'ubucuruzi kubona inguzanyo zihendutse ari mu gihugu no mu mahanga.

Tuzashyiraho itegeko rigena, rigateza imbere inganda ziciriritse n'izihambaye ariko zidahumanya ibidukikije (green and clean industries).

Tuzagabanya ibiciro by'amashyanyarazi n'amazi biriheju ku nganda zose kugirango bifashe kugabanya ibiciro by'ibicuruzwa ku isoko.

Tuzashyiraho ingamba zitandukanye zo kongerera ubumenyi abakozi bakenewe ku isoko ry'umurimo.

Tuzashyiraho ingamba zo kunoza ibikorera mu gihugu (Made in Rwanda) hibandwa ku kongera agaciro kabyo, kugabanya ibiciro byabyo birihejuru, kugabanya ibikenerwa bituruka hanze tubisimbuza ibikomoka mu gihugu.

Tuzateza imbere politike y'ubucuruzi n'imihahirane irambye hagati y'igihugu cyacu n'ibihugu duturanye. Ikaba itagomba gushamikira ku miterere ya politike y'ibihugu ku buryo nta mipaka igomba gufungwa mu gihe hari ibitumvikanwaho hagati y'ibihugu. Iyi gahunda ikazaba ishingiye ku nyungu z'abaturage bo mu karere.

#### **Ikibazo cya 2:**

Hariho kandi ikibazo cyo kwiharira amasoko na bimwe mu bigo bikora ubucuruzi, aho usanga ikigo runaka gihabwa amasoko buri gihe, abandi bakayabura (monopoly).

#### **Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho politiki ikumira ikibazo cy'ibigo byiharira amasoko (monopoly). Tuzashyiraho kandi uburyo bworohereza ba rwiyemezamirimo bato kujya mu mapiganwa y'amasoko, hakurwaho amananza atandukanye.

#### **Ikibazo cya 3:**

Haracyari ikibazo cya ba rwiyezamirimo bishyurwa bitinze ku masoko ya Leta bikabateza ibihombo ndetse bikabateranya n'abaturage babakoreye batishyurwa ku gihe.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho politiki ifasha ba rwiyezamirimo kwishyurwa vuba, bakimara kurangiza amasoko batsindiye muri Leta.

## **14. GUTEZA IMBERE UMURIMO N'IMISHAHARA**

### **UKO BIMEZE UBU**

Politike yo guhanga no guteza imbere umurimo nta musaruro uhagije irageza ku Banyarwanda kubera ko hakiri ubushomeri bukabije, bukaba buhagaze kuri cumi na gatanu ku ijana (15%) ku mibare yo muri 2023, naho mu rubyiruko ho ni makumyabiri na gatatu ku ijana (23%) muri 2023.

**Ikibazo cya 1:**

Hari ikibazo cy'ibura ry'akazi gikabije ku bize n'abatarize cyane cyane mu rubyiruko ku buryo bibaviramo ingeso mbi nko kunywa ibiyobyabwenge, kwishora mu buraya n'ibindi kubera kwitakariza icyizere cy'ubuzima bwabo bw'ahazaza.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho politiki y'igihugu inoze yo guhanga imirimo mishya nibura ingana n'ibihumbi magana atanu ku mwaka mu gihugu hose. Tuzibanda mu guteza imbere ubukungu bushingiye mu kurengera ibidukikije (Green economy-Green jobs).

Tuzashyiraho gahunda ihamye ku buryo buri Murenge uzaba ufite uruganda rutunganya ibikomoka k'ubuhinzi n'ubworozi.

Tuzashyiraho gahunda ihamye yo guteza imbere amashuri y'imyuga ku rwego rw'Umurenge, ariko akazajya akemura ibibazo by'umwihariko biri muri uwo Murenge.

Tuzashyiraho ikigo cy'igihugu gishinzwe guhanga imirimo kikanahuza abashomeri n'abafite akazi (Rwanda Employment Agency).

**Ikibazo cya 2:**

Mu Rwanda haracyagaragara ikibazo cyo kuba nta mushahara-fatizo (minimum wage-SMIG) uhari ndetse n'ubusumbane mu mishahara bukabije. Nanone, haracyari ikibazo cy'umushahara utajyanye n'ibiciro biri ku isoko kandi ibiciro bikaba bihora bizamuka naho umushahara ukaguma uko wari uri igihe kirekire.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho itegeko rigena umushahara fatizo rireba ibyiciro bitandukanye by'umurimo.

Tuzashyiraho ingamba zinoze zifasha ubukungu bw'igihugu gutera imbere kugirango ibiciro biri ku isoko bijyane n'ubushobozi bwo guhaha bw'abaturage (purchasing power).

## **15. UBWITEGANYIRIZE**

### **UKO BIMEZE UBU**

Politiki y'ubwiteganyirize ntiyageze ku ntego zayo kubera ko hari byinshi itarakemura, aho usanga amafaranga ahabwa abageze mu zabukuru y'ubwiteganyirize ari make kandi atinda kuvugururwa bigendanye n'ibiciro biri ku isoko. Imyaka yo kujya mu kiruhuko cy'izabukuru iri kuri 65 ni myinshi.

#### **Ikibazo cya 1:**

Kuba imyaka yo kujya mu kiruhuko cy'izabukuru ikiri hejuru cyane ku myaka mirongo itandatu n'itanu (65years) ku buryo abiteganyirije batangira gufata amafaranga y'ubwiteganyirize bwabo basigaranye igihe gito cyo kubaho ndetse no gukora imishinga yabagirira akamaro. Ibi bikanabangamira urubyiruko rwifuza kubona akazi kuberako abakarimo batinda ku kavamo.

#### **Icyo tuzakora:**

Tuzavugurura itegeko rigena imyaka yo kujya mu kiruhuko cy'izabukuru ive kuri mirongo itandatu n'itanu (65 years) ibe mirongo itandatu (60 years), ariko ufite imyaka mirongo itanu n'itanu (55 years) abe yakwemerwa kuyifata.

Tuzavugurura itegeko rigena imyaka umuntu agomba kuba yarakoze ateganyirizwa kugirango abashe guhabwa pansiyoni ive ku myaka cumi n'itanu (15 years) ibe imyaka icumi (10 years).

Ku bagize Inteko Ishingamategeko batowe manda ebyiri (10 years) bakaba bakwemererwa guhabwa ubwiteganyirize bwabo ku myaka mirongo ine n'itanu (45 years).

Tuzashyiraho itegeko rigena inyungu abateganyirizwa bazajya bagira ku nyungu ziva mu mishinga ikorwa n'ikigo cy'igihugu gishinzwe ubwiteganyirize bw'abakozi. Tuzashyiraho itegeko rivugurura ibijyanye n'amafaranga y'ubwiteganyirize abageze mu zabukuru babona, kugirango ajyane n'ibiciro biri ku isoko ry'igihe tugezemo.

## **16. IMIKINO N'IMYIDAGADURO**

### **UKO BIMEZE UBU**

Imikino n'imyidagaduro ni bimwe mu bifasha abaturage kwishima no kugira ubuzima bwiza. Kugeza ubu usanga Abanyarwanda benshi batarumva neza akamaro ka siporo n'imyidagaduro ku buryo ubwitabire bwabo bukiri hasi. Nanone, hari ubucye bw'aho bakorera siporo no kwidagadurira.

#### **Ikibazo cya 1:**

Politiki y'imikino n'imyidagaduro ntabwo inoze kandi ikeneye guhinduka uhereye hasi.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho politike nshya inoze y'imikino n'imyidagaduro itanga ibisubizo ku bibazo bikigaragaramo.

**Ikibazo cya 2:**

Umuco wo gukora siporo ntabwo urashinga imizi uherye mu mudugudu, mu mashuri abanza ndetse n'ayisumbuye.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho ingamba zihamye zishishikariza abaturarwanda kugira umuco wo gukora siporo uherye mu midugudu, amashuri abanza, ayisumbuye, amashuri makuru, mu bigo bya Leta ndetse n'ibyabikorera ku giti cyabo.

**Ikibazo cya 3:**

Hari ikibazo cy'ingengo y'imari idahagije igenerwa imikino n'imyidagaduro kibangamira amakipe y'igihugu kwitegura kinyamwuga.

Hari kandi ikibazo cy'ibibuga bidafite ubushobozi bwo kwakira imikino mpuzamahanga.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho ingengo y'imari ihagije igenewe imikino n'imyidagaduro mu gihugu hose, no kubaka ibibuga mpuzamahanga.

**Ikibazo cya 4:**

Hari ikibazo cy'amashuri adahagije yigisha imikino n'imyidagaduro itandukanye ndetse n'abatoza babigize umwuga.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho ishuri ryihariye ryigisha siporo n'imyidagaduro ku rwego rw'intara n'umuji wa Kigali.

Tuzashishikariza amahuriro n'amashyirahamwe ya siporo n'imyidagaduro gukorana n'amashuri ndetse n'inzego z'ibanze.

**Ikibazo cya 5:**

Hari ikibazo cy'uko abikorera ku giti cyabo batitabira bihagije gushora imari ndetse no gutera inkunga ibikorwa bya siporo n'imyidagaduro.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashishikariza ndetse dutange na nkunganire (incentives) ku bikorera ku giti cyabo n'amashyirahamwe ya siporo kugirango bashobore gushora imari no gutera inkunga ibikorwaremezo bya siporo, imikino n'imyidagaduro.

**Ikibazo cya 6:**

Hari ikibazo cy'ubuke bw'ibikorwaremezo bya siporo hirya no hino mu gihugu birimo ibibuga by'imikino itandukanye ndetse n'imyidagaduro.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho gahunda ihamye ku buryo buri mudugudu n'amashuri bigira ibibuga by'imikino n'imyidagaduro.

**17.UBUKERARUGENDO****UKO BIMEZE UBU**

Mu bukerarugendo hakenewe kongerwa imbaraga kurusha uko bimeze ubu. Haracyagararamo ikibazo cy'abakozi badahagije kandi badafite ubumenyi mu by'ubukerarugendo, ibi bituma hatangwa serivise zidashimishije.

**Ikibazo cya 1:**

Haracyariho ibikorwaremezo bike n'abashoramari badahagije mu bukerarugendo.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho politike igamije kongera ibikorwaremezo biteza imbere ubukerarugendo muri rusange, ariko cyane ubushingiye ku turere no ku muco.

Tuzashyiraho ingamba zorohera abikorera ku giti cyabo kugira ngo babone igishoro kandi banagabanyirizwe imisoro ndetse babone inguzanyo zifite inyungu iri hasi mu gihe bifuzaga gushora imari mu bukerarugendo.

Tuzashyiraho ikigega gifasha abanyeshuri barangije amashuri y'ubukerarugendo n'abandi bifuzaga gushora imari mu bukerarugendo.

**Ikibazo cya 2:**

Kuba abenegihugu batitabira cyane gusura ibyiza by'u Rwanda kubera ko ibiciro byo gukora ubukerarugendo biri hejuru.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho ingamba zo kugabanya ibiciro n'ikiguzi cy'ubukerarugendo kugira ngo abaturarwanda nabo bashobore gusura ibyiza bitatse igihugu.

**Ikibazo cya 3:**

Kuba nta bukerarugendo bukorwa bushingiye ku byiza n'umuco biri mu turere kubera ko bitari ku rutonde rw'ibisurwa na ba mukerarugendo mpuzamahanga nyamara nabyo bishyizwe ku rutonde byakwinjiriza igihugu bikanateza imbere utwo turere.

Kuba nta kiyaga cy'igikorano kiri mu muji wa Kigali kugirango cyongere ibikorwa by'aho abantu baruhukira bakanidagadura bitabasabye gukora urugendo rururure.

Kuba nta dushyamba duto duto (Botanical Garden) turi mu mujyi wa Kigali twafasha abantu kubona aho baruhukira bikanatanga ubuhumekero bw'umujyi.

Kuba ntaho wasanga inyamaswa zo mu ishyamba zicunzwe neza (Zoo) byafasha abantu cyane cyane abana n'abanyeshuri kuzisura batiriwe bajya muri za parike.

**Icyo tuzakora:**

Tuzashyiraho politike iteza imbere ubukerarugendo bwubahiriza gahunda yo kurengera ibidukikije (Eco- tourism), dushyiraho ibyanya by'ubuhumekero hirya no hino mu gihugu, cyane cyane mu mujyi wa Kigali no mu yindi mijyi.

Tuzarema ibiyaga mu mujyi ndetse dushyireho amashyamba mato n'ibihuru birimo indabyo bishimishije (Botanical Gardens), n'aho zimwe mu nyamaswa zo mu ishyamba n'inyoni zitandukanye wazisanga utagiye muri parike (ZOO). Ibi bizafasha abantu kubona aho basohokera bakanaharuhukira ndetse bikanateza imbere ubukerarugendo.

Tuzashyiraho gahunda yo kwimurira inama mpuzamahanga mu ntara, tuhashyira ibikorwa remezo bigezweho byakwakira izo nama.

-END-